

Urwenya : Uwanyweye inzoga ntagira inzoka mu nda

1. Mu ishuri umwarimu yashatse kwigisha abanyeshuri ububi bw'inzoga, afata ikirahure cy'inzoga n'icyamazi, hanyuma azana umunyorogoto, awushyira mu kirahure cy'amazi, ntiwagira icyo uba, awushyize mucy'inzoga urapfa.

Ni uko arabaza ati "Ni irihe somo mukuyemo ?" Umunyeshuri arasubiza ati "Nkuyemo ko umuntu unywa inzoga atagira inzoka mu nda".

2. Umugabo yatinze gutaha, ni uko umugore amuhamagara kuri telefoni n'umujinya mwinshi ati "Gicucu izi saha uba uri he ?" Umugabo aramusubiza ati "Nti wibuka ya bijouterie (Soma bijuteri) twagiyemo ugapfira ya mpeta ariko si mbashe kuyikugurira kuko nari nkiri umukene ? " Umugore ati "Ndayibuka cheri."

Umugore ahita acisha make atekereje ko agiye kumugurira iyo mpeta. Ni uko umugabo ahita amubwira ati "Ubu rero ndi mu kabari biteganye.

3. Umuntu ufite uburwayi bwo mu mutwe yabonye mugenzi we arohama muri Piscine y'ikigo bari barwariyemo, ahita asimbuka amukuramo. Ni ko bucyeye, umuyobozi w'ikigo aramuhamagaza ati "Nagiraga ngo nkubwire inkuru nziza y'uko tugusezereye ukaba wataha iwawe kuko kuba wibwirije kurokora mugenzi wawe ni uko utakirwaye."

Arongera ati "ariko nari ngufitiye n'indi nkuru ibabaje, twasanze mugenzi wawe waraye urokoye yapfuye, yimanitse muri douche." Wa murwayi bari bamaze gusezerera ati "Reka da ntiyimanitse ni nje wahamushyize maze kumurohora kugira ngo yumuke !"

4. Mwarimu yabajije umunyeshuri icyo yifuza kuzaba mu buzima, ni uko umunyeshuri aramusubiza ati "Nifuza kuba imbwa". Mwarimu ararakara cyane maze amubaza impamvu, umwana aramusubiza ati "Ni uko Imana izirebera idahumbya !

Hahahhahah